Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburasirazuba
Akarere ka Ngoma

# ITANGAZO RY'AKAZI

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngoma buramenyesha abantu bujuje ibisabwa ko bushaka gutanga akazi ku myanya 40 mu rwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano (DASSO bato).

**Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwinjira muri DASSO ni ibi bikurikira:**

a. Kuba ari Umunyarwanda;
b. Kuba abishaka;
c. Kuba agejeje nibura ku myaka 18 y'amavuko kandi atarengeje 25;
d. Kuba ari indakemwa mu mico no mu myifatire;
e. Kuba atarigeze akatirwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu mu rubanza rwabaye ndakuka;
f. Kuba afite impamyabushobozi nibura y'amashuri 6 yisumbuye cyangwa iyo binganya agaciro;
g. Kuba afite ubuzima bwiza n'imbaraga kugira ngo ashobore gukora imirimo ya DASSO bigaragazwa n'icyemezo cya muganga gitanzwe n'umuganga wemewe na Leta;
h. Kuba atarigeze yirukanwa burundu cyangwa ngo asezererwe mu bakozi ba Leta;

**Dosiye isaba akazi igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Umuyobozi w'Akarere;
2. Ifishi isaba akazi yujuje neza iboneka ku rubuga rw'Akarere ka Ngoma (www.ngoma.gov.rw) cyangwa mu bunyamabanga rusange bw'Akarere;
3. Fotokopi y'impamyabumenyi (Certificate);
4. Icyemezo cyo kuba ari inyangamugayo gitangwa n'Umurenge abarizwamo;
5. Fotokopi y'indangamuntu;
6. Icyangombwa cyerekana ko utakatiwe n'inkiko (Criminal record)

Dosiye yuzuye isaba akazi igomba kuba yageze mu bunyamabanga rusange bw'Akarere bitarenze tariki 08/05/2025.

Bikorewe i Ngoma, kuwa 30/04/2025

NIYONAGIRA Nathalie
Umuyobozi w'Akarere ka Ngoma

AKARERE KA NGOMA



CamScanner